

# Guhinga mu gihe cy'ihinga

Iyi ***Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu mujyi mu ntara ya Providence***, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubusitani cya Good Earth Organic Farm and Garden Center.

Northern Rhode Island Conservation District
Serving Providence County

The Good Earth organic gardening center at Knight Farm
Where The Good Things Grow

# Ishakiro:


| | |
|---|---|
| Ingemwe | 3 |
| Imiterere yo kongera igihe cy'ihinga | 5 |
| Ibihingwa bihingwa mu gihe cy'ubukonje | 10 |


Iyi ***Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu mujyi mu ntara ya Providence***, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubusitani cya Good Earth Organic Farm and Garden Center.

# Ingemwe:

Ushobora gutangira igihe cy'ihinga cyawe utangiriye ku gutera ingemwe ahantu hashyushye nko mu nzu zihingwamo zegereye ubutaka, ziri hejuru ku butaka cyangwa mu nzu zisanzwe zihingwamo mu gihe cy'ihinga.

Gutangira gutera ingemwe mbere bishobora gutuma ibihingwa byawe bikomera kandi bikabasha guhangana n'indwara n'udusimba.

<u>Gutangira gutera ingemwe:</u>


1. Kusanya, shyira ku murongo, sukura maze utumize ibikoresho bikoreshwa mu gutegura ingemwe.
    - Ibikoresho birimo: ingemwe, ibijyamo ingemwe n'ubutaka

2. Gutera ingemwe:
    - Ushobora gutera ingemwe mu bijyamo ingemwe bisukuye nk'amaparato cyangwa udukombe. Ibyo bijyamo ingemwe bigomba kuba ari binini bihagije kugira ngo igihingwa gikuriremo mu gihe runaka mbere yo kwimurirwa mu kibindi kinini cyangwa mu butaka.
    - Niba uri gukoresha ibijyamo ingemwe byakoreshejwe, ni ngombwa kubyoza mbere na nyuma yo kubikoresha ukoresheje amazi na javeli nke. Byica bagiteri zishobora kwangiza ingemwe.
    - Ongera uturango ku maparato ariho ingemwe kugira ngo ukomeze ukurikirane imikurire yazo.
    - Siga umwanya hagati y'ingemwe. Niwongera ingemwe nyinshi mu kintu zijyamo, bizagabanya imikurire y'ingemwe kubera ko intungabihingwa nyinshi zo mu butaka zifatwa n'ingemwe nyinshi.

# Ingemwe (birakomeza)

3. Kwimura ingemwe:

- Ingemwe zigomba kuguma mu bijyamo ingemwe kugeza zimaze kumera “amababi” yazo ya mbere. Amababi ya mbere aba agaragaza ko ingemwe zigeze igihe cyo kwimurwa.




- Kora ku buryo ingemwe zimenyera imiterere y'ikirere uzishyira hanze, mu bidukikije karemano buhoro buhoro, iyo zizimurirwa hanze.
- Ingemwe nizimara gukura bihagije kandi zikaba zaramenyereye ikirere, ubwo ingemwe ziba zimeze neza ku buryo zakwimurwa. Kwimura ingemwe bishobora gukorerwa mu murima cyangwa mu kibindi kinini imbere mu nzu ihingwamo nini cyangwa inzu y'ubuhinzi.
- Mbere yo kwimura ingemwe, gusobanukirwa ubwoko bw'igihingwa kiri guterwa n'ubushyuhe bukenewe n'imiterere y'ikirere gikuriramo. Gutegura igihe ingemwe zitererwamo no kuzimura ni ingenzi kandi bishobora gukora itandukaniro rikomeye ku buryo ibihingwa byawe bikomeza kumera. Ingemwe zimwe na zimwe zimuriwe mu murima zikenera gushyirwaho akazu gato ko guhingamo bitewe n'igihe kuzimura byakorewemo.
- Iyo uri kwimura ingemwe, ubagara ubusitani, ukongeramo ifumbire mu butaka nk'ifumbire ikomoka ku mara y'amafi no gukomeza guhinga (urandura ibyatsi bibi unatuma ubutaka bukomeza kuba bwiza) ubusitani.

# Imiterere yo kongera igihe cy'ihinga:

Ushobora kongera igihe cy'ihinga ukoreshejwe uburyo bwo gutwikira bimwe mu bihingwa byawe.



## Amakadire arwanya ubukonje:

Ikadire irwanya ubukonje ni ikintu cyubakwa cyegereye ubutaka gifite igisenge kibonerana. Imiterere y'ikadire irwanya ubukonje ishobora gukorwa mu bikoresho bitandukanye harimo ibiti, beto, ibisigazwa by'ibihingwa n'ibindi. Igisenge gishobora kuba gikozwe mu madirishya ashaje, inzugi zikoze mu birahure cyangwa purasitike. Ibihingwa biterwa hagati y'iyo kadire bigahingwa ku butaka cyangwa mu kintu cya purasitike bihingwamo.



Ibisigazwa by'ibihingwa biba ibikoresho byiza byo guheraho wubaka ikadire irwanya ubukonje. Inkuta zikoze muri ibyo bisigazwa by'ibihingwa bikorera nk'ibifata ubukonje ntibugere ku bihingwa.

Akamaro k'amakadire arwanya ubukonje:



- Kongera igihe cy'ihinga ho amezi (itumba no mu muhindo)
- Gufasha ingemwe kumenyera imiterere y'ikirere mu butaka bwo hanze
- Kurinda ibihingwa ntibigerweho n'imiterere y'ikirere yangiza

# Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka:

Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka ni utuzu duto tudahenze kurusha amazu maremare ahingwamo. Biroroha kuyubaka, kuyasenya no kuyimura. Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka dukoreshwa neza mu ntangiriro z'Itumba no hagati bishyira ku mpera y'Umuhinda (rimwe na rimwe muri Ugushyingo n'Ukuboza) cyangwa ku bihingwa byo mu murima. Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka ntidushobora kwihanganira imiterere y'ikirere ikaze nk'urubura. Guhinga bigomba kugenerwa igihe neza ku buryo utwo tuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka dusenywa mbere y'uko urubura rugwa. Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka tugizwe n'ibikoresho biba bihese maze bigatwikirwa n'igikoresho gihese kidakora ku myaka cyangwa purasitike.


| Insinga zihese | Insinga z'amashanyarazi zihese | Amatiyo ya PVC ahese (anitwe nk'utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka tumeza nk'ikinyabwoya) |
|---|---|---|
| • Bikoreshwa ku bihingwa bigufi kandi bito<br> | • Bikoreshwa ku bihingwa bidakura cyane<br> | • Bikoreshwa ku bihingwa bikura cyane<br>• Ushobora kunyura muri utwo tuzu ariko ntabwo tuba ari tureture nk'amazu ahingwamo cyangwa amazu y'ubuhinzi cyangwa ngo tube bukomeye bihagije<br> |


<u>Akamaro k'utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka:</u>

- Extend the growing season into the shoulder months
- Provide plant protection from weather and pests
- Reduce plant stress on cool season crops during hotter weather by filtering intense sunlight

# Amazu maremare yo guhingamo (“Amazu manini ahese”):

Amazu maremare yo guhingamo, anazwi nk'“Amazu manini ahse” ni amazu aba akoze mu kinyabutabire cya polyethylene, purasitike cyangwa ikintu gitwikira gihese kikaba gitwikira ibihingwa gihereye hasi ku butaka. Amazu maremare yo guhingamo atuma umwuka utembera mu buryo busanzwe kandi ibihingwa bikaba byagerwaho n'udusimba dukora ikororoka kuko impande z'ayo mazu zizamurwa.




Amoko abiri y'amazu maremare yo guhingamo:

Amazu maremare yo guhingamo ashobora guhangana n'imiterere y'ikirere ikaze nk'urubura kandi ashobora gukoreshwa hafi umwaka wose; rimwe na rimwe umwaka wose urashira. Muri New England, Ishami ry'igihugu rishinzwe ubuhinzi, Umutungo kamere na serivisi zo kubungabunga ibidukikije (USDA-NRCS) risaba ko inzu zihingwamo zifite inkingi kurusha amazu yiburingushuye kuko ari yo arinda urubura rukomeye. Amazu yiburungushuye ashobora gukoreshwa mu mezi y'Urugaryi, ariko bishobora gusaba ko akurikiranwa cyane kugira ngo hagabanywe urubura rwafashe ku gisenge.



## Amazu maremare yo guhingamo cyangwa “Amazu manini ahese” (birakomeza):

Mu rugaryi, amazu maremare yo guhingano ashobora gukonja kurusha ubukonje bwakwifuzwa n'ibihingwa biri mu mazu maremare yo guhingamo. Gutwikira ibihingwa imbere mu mazu maremare yo guhingamo ukoresheje utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka byongeraho ikindi kintu gifata ubukonje ntibugere ku bihingwa.

Akamaro k'amazu maremare yo guhingamo:

- Twongera igihe cy'ihinga ho amezi
- Kunoza ubwiza bw'ibihingwa n'ubutaka
- Kugabanya itwarwa ry'intungabihingwa n'umuti wica udukoko



## Inzu y'ubuhinzi:

Inzu y'ubuhinzi ni inzu iba yubatse mu birahure cyangwa mu byuma ifite ikintu gikomeye kiyitwikiriye kibonerana nk'ikirahure aho ibihingwa biba bihinze mu bibindi biri hejuru y'ubutaka. Amazu y'ubuhinzi ashobora kuba afite imiterere n'ingano bitandukanye. Amazu y'ubuhinzi menshi arimo ibindi bikoresho nka vantirateri, ibyuma bitanga ubushyuhe, ibyuma bigenzura ubushyuhe, amatara n'amadirishya.

Amazu y'ubuhinzi ni uburyo buhenze bwo gukomeza guhinga mu bihe byose ariko ubusanzwe ashobora gufasha ibihingwa kwera umwaka wose.

Akamaro k'inzu y'ubuhinzi:

- Yongera igihe cy'ihinga ho amezi cyangwa umwaka
- Agenzura imiterere y'ikirere ibihingwa byeramo
- Arinda ibihingwa imiterere y'ikirere

# Kugereranya uburyo bwo kongera igihe cy'ihinga:

| | Amakadire arwanya ubukonje | Utuzu duhingwamo tuba twegereye ubutaka | Amazu maremare yo guhingamo | Inzu zo guhingamo imyaka |
|---|---|---|---|---|
| Imiterere | Udukadire duto tufite ibidukwikiriye bibonerana | Ikadire ihese kuva kuri into kugera ku iringaniye ifite ibiyitwikiriye bibonerana cyangwa biri hasi | Ibihese binini bifite ibiyakwikiriye bibonerana | Amakadiri manini afite ibiyatwikiriye bibonerana bikomeye |
| Ibiguzi | Ikiguzi gito kugeza ku kitari kinini | Ikiguzi gito kugeza ku kitari kinini | Ikiguzi kitari kinini kugeza ku kinini | Ikiguzi kinini |
| Kongera igihe cy'ihinga | Kongeraho amezi; ibihingwa bikurira mu butaka cyangwa bigarukira mu makadire bitwikiriwe na purasitike | Byongeraho amezi; ibihingwa bikurira mu butaka | Byongeraho amezi cyangwa umwaka; ibihingwa bikurira mu butaka | Byongeraho amezi cyangwa umwaka; ibihingwa bikurira mu bibindi biri hejuru y'ubutaka |



# Ibihingwa bihingwa mu gihe cy'ubukonje:






- Arugula
- Baziri
- Beterave
- Burokori
- Burokori rabe
- Udushu tw'i Buruseri
- Amashu
- Karoti
- Shufureri
- Seleri
- Siburete
- Udushu tw'icyatsi
- Imboga za aneti



- Inyabutongo
- Kale
- Kohirabi
- Puwaro
- Leti
- Marijorene
- Mutaride y'icyatsi
- Ibitunguru
- Oregano
- Pake Coyi
- Parisile
- Pane
- Amashaza
- Puwavuro
- Igihaza




- Ibirayi
- Imboga za radi
- Imboga za rosemari
- Rutabaga
- Saje
- Ibitunguru by'icyatsi
- Epinari
- Igihaza
- ·Imboga za cadi
- Imboga za Tokoy Bekana
- Imboga za nave
- Imboga za Yukina Savoy









Iyi ***Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu mujyi mu ntara ya Providence***, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubusitani cya Good Earth Organic Farm and Garden Center.

Northern Rhode Island Conservation District
Serving Providence County

THE GOOD EARTH
organic gardening center
AT KNIGHT FARM
Where The Good Things Grow